# Koresha igitabo cya Alpha

# IBIKUBIYEMO


Alpha ni iki ? ..... 2

Kuki dukora Alpha ? ..... 3

Uko dukora Alpha ..... 4

Intambwe 5 zo gutangira ..... 5

Andikisha isomo ryawe ..... 6

Ishusho yuko biteguye ..... 7

Isomo rya Alpha ..... 8

Gusenga ..... 9

Kubaka itsinda rikomeye ..... 10

Twagufasha iki ?..... 11




# ALPHA NI IKI ?

**Alpha ni isomo rikorwa mu buryo bunyuranye mu cyumweru, rigizwe n'inyigisho zo guhugurana zireba imfatiro z'imyemerere ya gikristu mu bwisanzure no mu murugwiro.**

**Nta kibazo gikumirwa**

**Nta gitutu**

**Mubyo waba wemera cyangwa utekereza byose, biremerewe**

**Ntakiguzi ni ikiganiro gusa gihanitse n'abatekereza nkawe**

# KUKI DUKORA ALPHA ?

**Alpha ni NZIMA**

Abakora Alpha bashishikarizwa kuvuga icyo batekereza kandi mukuri, kugirango abatumiwe nabo bavugishe ukuri. Abantu babaza ibibazo kandi bagashaka ibisubizo, nta gitutu. Kandi nta gukurikiranwa iyo batagarutse.

**Alpha izana UBUSABANE**

Alpha ishingiye ku bucuti nyakuri bwubatswe mu byumweru bicye ariko nyuma yaho bukazamara imyaka myinshi.

**Alpha ni IYO KWIZERWA**

Muri Alpha twishingikiriza ku Mwuka Wera kuko twasanze Imana ariyo ihindura ubuzima bw'abantu twe gusa tumubwira abantu. Iyo turetse abantu bakisanzura, bakabaza ibibazo, bakita mu kubaka ubusabane no mu kwishingikiriza ku Mwuka Wera, ubuzima bw'abantu buzahinduka.

**Alpha YASUBIRWAMO**

Alpha ikomeza abantu basanzwe kugirango bagira uruhare muri uyu murimo udasanzwe. Alpha yakorwa n'umuntu uwariwe wese, mu buryo bwose bakoranye n'itorero ribegereye. Twabonye ibintu bisa nkaho ari bito kandi bitaboneka nk'ibikomeye bishobora kugira ingaruka zikomeye iyo Yesu abijemo.

# UKO DUKORA ALPHA

**Buri nyigisho ya Alpha igira ibintu bitatu :**

### 1 KWAKIRA ABANTU

Hafi buri gikorwa cyose cyo gusabana kiba kirimo ibyo kurya n'ibyo kunywa. Ibyo kurya muri Alpha bituma abantu bava ahantu hatandukanye, bafite ibibazo bitandukanye n'ibitekerezo k'ubuzima, baza hamwe bagasangira ibyo kurya, bakamenyana mu buryo bwimbitse.

### 2 KUGANIRA

Nyuma yo kurya no kumenyana, hari ikiganiro gishyirwaho nka filimi cyangwa se abantu bakaganira muri uwo mwanya. Ibyo biganiro biba bigamije kuvuga ku bibazo by'ingutu ku kwizera. Izo vídeo ziba zifite nk'iminota mirongo itatu. Hari ibiganiro 15 bigirwa mu byumweru 11 harimo Alpha ikorwa ku munsi cyangwa mu mpera z'icyumweru ( weekend ).

### 3 IBIGANIRO MPAKA

Iki nicyo gice cy'ingenzi muri Alpha. Aka ni akanya abantu bahanahana ibitekerezo ku kintu runaka, mu bwisanzure bari mu murwi w'abantu bake. Ibi biganiro bituma batsura ubucuti bakanabona uko kubaho nk'umukristu koko bimeze. Ntawuhatirwa gutanga igitekerezo kandi ntacyo abatumiwe babuzwa kuvuga.

# INTAMBWE 5 ZO GUTANGIRA

**Kanda hano kugira ngo ubone Alpha talk**

1 **GUSENGA & gukomeza gusenga**
- Igihe: Gusengera igihe cyo gutangiza Alpha
- Itsinda: Gusengera itsinda nyaryo rihura rigakora
- Abatumire: Gusengera imitima y'abazakira ubutumire bwo kugerageza Alpha

2 **TEGURA & WANDIKISHE Alpha**

Ibintu byose by'ibanze wifuza gukoresha muri Alpha biraboneka k'ubuntu mw'ikoranabuhanga kuri MyAlpha iri kuri app.alpha.org/ssa
- Jya kuri MyAlpha winjire cyangwa winjize abantu
- Shyiraho Alpha yawe kugirango ubone inyigisho
- Kurikira ibyo usabwa ku rupuro rukurikira niba ukeneye ubufasha

3 **PAKURURA ibiganiro n'ibiyobora itsinda**
- Muri MyAlpha kanda aho wandikishije Alpha yawe
- Reba hasi y'ahanditse Series Materials ( Uruhererekane rw'inyigisho )

4 **TORANYA kandi UHUGURE itsinda ryawe**
- Muri MyAlpha jya mu kigo cyo kwiga Learning Centre Usubiremo Alpha 101 ndetse Uburyo 7 bwo gushyira mu bikorwa
- Pakurura & urebane n'itsinda ryawe inyigisho z'amatsinda mato, urabisanga muri Series Materials

5 **SHISHIKARIZA & UTUMIRE**
- Muri MyAlpha kandi ahandikishijwe Alpha
- Reba hasi ya Promote ( kwamamaza ) hari inyigisho zitandukanye

Ngibyo rero! **Ubu witeguye gutandira** urugendo rwawe rwa Alpha, kandi turi hano kugufasha mu ntambwe zawe zose. Byatunezeza guhura nawe tukanasengana rero ntuzuyaze kudushaka.

Niba wifuza ibindi bisobanuro kw'isomo rya Alpha, **komeza usome!**

**KANDA HANO USHAKA GUTANGIRA**

# ANDIKISHA ISOMO RYAWE RYA ALPHA

Ibintu byose ukeneye kugirango ukoreshe isomo rya Alpha biraboneka k'ubuntu mu buryo bw'ikoranabuhanga ku rubuga rwacu: app.alpha.org/ssa. Wifuza ubufasha, wadushaka kuri africa@alpha.org.

**Intambwe zo kwiyandikisha ku rubuga:**

1. Jya kuri MyAlpha wiyandikishe k'ubuntu kuri: app.alpha.org/ssa

2. Iyo winjiyemo bwa mbere, kanda ahanditse Sign Up

3. Shyiramo amakuru yawe, uhimbe ijambo ry'ibanga cyangwa se ukoreshe imyirondoro yawe yo muri Google

4. Uzoherezwa email yo kugenzura. Reba muri email zawe ( n'ahajugunywa ibyanduza ), hanyuma ukande kuri uwo mugereka bakohererereje, maze urangize uburyo bwo kwiyandikisha.

5. Subira kuri MyAlpha, ubu noneho ushobora kwinjira mu rubuga rwawe

**Intambwe zo gutangiza isomo:**

1. Injira muri MyAlpha ( niba utari winjiramo na rimwe, kurikiza intambwe zavuzwe hejuru )

2. Ku cyuma uri gukoresha, kanda ahantu handitse mu nyuguti zitukura Register new Alpha ugana hejuru mu nguni iburyo

3. Ongera ujye mu ruhererekane rw`inyigisho zahise zigihari uhitemo iyo ushaka

4. Subiza ibibazo bike byibanze bivuga kuri Alpha nka: Iyo Alpha yawe igenewe nde ? Urifuza ko ijwi riza mu ruhe rurimi ? ( Waba wifuza ko Alpha iba mu ndimi nyinshi, ukandikisha iryo somo muri buri rurimi wifuza )

5. Uzuza imyirondoro yerekeye Alpha yawe ( itariki izatangiriraho, itorero mukorana/ ishyirahamwe ), reba ibyavuye mu ntambwe zakozwe maze ushyiraho isomo ryawe

- Itorero/Ishyirahamwe: Nubwo Alpha yawe itakorerwa mu Itorero, ushyireho Itorero urimo. Ibi bidufasha kumenya abakorera Alpha mu mago, za Café cyangwa mu matorero runaka. Rimwe na rimwe usanga ari abantu 4 cyangwa 5 baba mw'Itorero rimwe bakora Alpha mu rugo.

6. Uzifuza kwamamaza Alpha yawe ku rubuga rwa Alpha kugirango ubone abantu. Niba Alpha yawe yemerera abantu bose, uzarebe ko wanditseho izina rya Alpha na email kubifuza kugira icyo babaza, aho iyo Alpha ibarizwa, itariki yatangiriyeho, bityo abantu bagashobora kubona amakuru ku rukuta rwawe kandi bagashobora kwiyandikisha.

- Iyo abashyitsi biyandikishije uzahita ubona integuza. Bityo ushobore kubohererereza andi makuru ( aho mubarizwa, ibijyanye naho imodoka ziparika, umuyoboro wa Zoom n'ibindi…)

- Iyo Alpha yawe ari umwihariko cyangwa se abantu baturanye, cyangwa se niba itariki yo gutangiriraho itaramenyekana, wahindura ugasubiza Alpha yawe ku mwihariko.

- Toranya Make your Alpha public ( Gushyira Alpha mu ruhame ) bituma isomo ryawe rigaragarira buri wese ugiye mu rushakiro ashaka isomo rya alpha.org/try-alpha.
Itonde iyo uri kureba niba bijyanye n'ibyo ushaka.

7. Ubu ushobora kubona video zose za Alpha, video z'amahugurwa, ibibazo byo mu matsinda mato, ubutumire bw'abashyitsi, n'ibindi. Byose ni ubuntu ku rubuga.

**Intambwe zo kugera ku nyigisho zose:**

1. Iyo umaze gushyiraho isomo, ukanda ahanditse My Alpha Courses kugirango ubone amasomo yose

2. Kanda ahanditse View and edit kugirango ufungure isomo, hanyuma ukande ahanditse Schedule kugirango ushobore guhindura amatariki y'amahugurwa n'amasomo

3. Kanda ahanditse Promote kugirango ubone ibigufasha kwamamaza Alpha yawe kubo musengana, unashobore kubafasha gutumira abashyitsi. Ibi birimo amafoto ahamagarira abantu kwitabira, amakarita, ibiri ku mbuga nkoranyambaga na za video yaba kubikoreshwa mw'ikoranabuhanga cyangwa ibishyirwa ku mpapuro.

4. Kanda ahanditse Series Materials kugirango ubona za video zihugura amatsinda, za vídeo zirimo ibiganiro, n'ibindi nk'ibiyobora abashyitsi bawe, aho buzuza iyo batanga ibitekerezo, inyandiko n'ibindi bifasha

5. Kanda ahanditse Team hanyuma utumire abashyitsi bawe kureba isomo wabashyiriyeho hamwe n'ibindi biri ku rubuga

# ISHUSHO YUKO BITEGUYE

## Alpha Film Series

Icyumweru 1 - Hari igitanga ubuzima kurusha ibi ? ( Ibirori biyitangiza )

Icyumweru 2 - Yesu ninde ?

Icyumweru 3 - Kuki Yesu yapfuye ?

Icyumweru 4 - Nagira nte kwizera ?

Icyumweru 5 - Kuki kandi ni gute nasenga ?

Icyumweru 6 - Kuki kandi ni gute nasoma Bibiliya ?

Icyumweru 7 - Imana ituyobora ite ?

**Amasomo y'Umwuka Wera**

Umwuka Wera ninde ?

Umwuka Wera akora iki ?

Nakuzura gute Umwuka Wera ?

Nakoresha nte neza igihe cyanjye gisigaye mu buzima ?

Icyumweru 8 - Narwanya gute Satani ?

Icyumweru 9 - Kuki kandi ni gute nabibwira abandi ?

Icyumweru 10 - Ese Imana irakiza uyu munsi ?

Icyumweru 11 - Naho se Itorero ?

## Alpha Youth Talks Africa

Icyumweru 1 - Ubuzima: Ese ni ubu ? ( Ibirori byo kuyitangiza )

Icyumweru 2 - Yesu: Ninde Yesu ?

Icyumweru 3 - Umusaraba: Kuko Yesu yapfuye ?

Icyumweru 4 - Kwizera: Nagira nte kwizera ?

Icyumweru 5 - Isengesho: Kuki kandi ni gute nsenga ?

Icyumweru 6 - Bibiliya: Kuki kandi ni gute nsoma Bibiliya ?

**Amasomo y'Umwuka Wera**

Umwuka - Ninde Umwuka Wera kandi akora iki ?

Kuzura - Nakuzura gute Umwuka Wera ?

Ubuzima bushya - Ni gute nakoresha neza igihe nsigaje cyo kubaho ?

Icyumweru 7 - Satani: Ni gute narwanya Satani ?

Icyumweru 8 - Kubwira abandi: Kuki kandi ni guta nabwira abandi ?

Icyumweru 9 - Gukira: Ese Imana irakiza uyu munsi ?

Icyumweru 10 - Itorero: Naho se Itorero ?

Ibirori byo gutangiza ni ukwinezeza, bikaruhura, bikaba inzira yo gusobanura uko Alpha izaba imeze mu byumweru biri imbere. Kuko icyumweru cya mbere kiba gitandukanye n'ibindi byumweru, ibiganiro bigira igihe gito. Ahubwo abantu bamara igihe kinini bamenyana. Mu bindi byumweru haba umwanya mwinshi w'ibiganiro.

## Alpha Youth Series 2024

Icyumweru 1 - Kwakira abantu mu biganiro ( Ibirori byo gutangira )

Icyumweru 2 - Yesu ni.....?

Icyumweru 3 - Urukundo nyarwo rumera rute ?

Icyumweru 4 - Kuki nkeneye ubusabane n'Imana ?

Icyumweru 5 - Ubusabane n'Imana bumera bute ?

**Inyigisho z'Umwuka Wera**

Umwuka Wera ninde ?

Nakuzura gute Umwuka Wera ?

Icyumweru 6 - Ni gute Imana idufasha kurwanya Satani ?

Icyumweru 7 - Imana irakiza uyu munsi ?

Icyumweru 8 - Igikurikiye ni iki ?

# ISOMO RYA ALPHA

Hindura igenabihe bitewe nibyo itsinda ryawe ryifuza

## Alpha Film Series

**ISOMO RIMARA ISAHA N'IGICE (1.5 h)**

Isaha mbere - Gutegura

Iminota 30 mbere - Kubwira abantu ibiba no gusenga

**ALPHA IRATANGIYE**

Iminota 15 - Abashyitse kuhagera no kuramukanya

Iminota 20 - Kurya

Iminota 5 - Umukino wo gutangiza isomo

Iminota 40 - Kugira ibiganiro bya Alpha

Iminota 10 - Gusoza

**ALPHA IRARANGIYE**

Iminota 15 - Kuganira uko byagenze n'itsinda ryawe

## Alpha Youth Series

**IMARA IMINOTA 55**

Iminota 10 mbere – Gutegura

**ALPHA IRATANGIYE**

Iminota 10 - Kuza kw'abashyitsi, gusangira ibiryo, gusabana

Iminota 5 - Kwakira abantu ( kubashishikariza kurya )

Iminota 35 - Ibiganiro bya Alpha

Iminota 5 - Gusoza

**ALPHA IRARANGIYE**

Iminota 10 - Kungurana ibitekerezo n'itsinda ryawe

## Alpha Online

**IMARA ISAHA 1 N'IMINOTA 15**

Iminota 20 mbere - Ikiganiro cy'itsinda rya Alpha, isengesho & kugenzura sisiteme yo kuri interineti

**ALPHA IRATANGIYE**

Iminota 5 - Guhura no kuramukanya, kwakira abantu

Iminota 10 - Guha abantu ikaze ku rubuga

Iminota 30 - Ibiganiro bya Alpha

Iminota 30 - Ibiganiro by'itsinda rito

**ALPHA IRARANGIYE**

Iminota 10 - Kungurana ibitekerezo n'itsinda rya Alpha

# GUSENGA

**Gusenga mu masomo make abanza**

Bitewe n'uruhererekane ry'amasomo ya Alpha uri gukurikira, inyuma y'ibiganiro hashobora kuba isengesho rigufi rikozwe n'umwe mu bari kuyobora isomo. Ibi bigamije guha akanya abashyitse gusenga bucece iyo babikeneye.

**Isomo rya 5 rijyanye n'amasengesho**

Amatsinda mato ashishikarizwa kugira intego z'ibyo baganira hanyuma bakagerageza gusenga bageze ku musozo. Abayobora ayo matsinda bashobora gukora isengesho rito cyangwa bagasaba abashyitsi gusenga mu ruhame. Mu byumweru bikurikiye, abayobozi bashobora kuzajya barangiza amasomo n'isengesho.

Icyangombwa: Muri Alpha, dusaba ko MUDAKORA isengesho mbere yo kurya cyangwa muri kurya kugeza ku cyumweru cya 5. Ibi bituma hasobanurwa neza icyo basengera bakanabiganira mu buryo bwimbitse mu matsinda mato.

**Gusengera abandi mu mwiherero wa Alpha**

Ubusanzwe umwiherero wa Alpha utegura iyo mugeze hagati mu masomo ya Alpha. Ni amahirwe yo kuva mubyo warusanzwe ukora, aho abantu bafata akanya ko kuruhuka, gutekereza, gusabana, kwiga ibijyanye n'Imana, baba babishatse bakanasenga.

Ibiganiro bya Alpha biba mu mpera z'icyumweru byibanda cyane k'Umwuka Wera - Ninde, Kuki, ni gute Umwuka Wera agufasha kuguma kuri Yesu no gusabana nawe. Nyuma y'isomo rya nyuma, haba umwanya wo gusenga cyangwa gusengera abashyitsi, ibyo bikorwa n'abayobozi cyangwa undi wafasha. Dushaka kubaha umwanya wo kubona urukundo rw'Imana biciye mu Mwuka Wera.

**Gusenga no Gukira**

Iyo harangiye ibiganiro bya Alpha ku gukira, dushishikariza amatsinda mato kubiganiraho no gusengera abantu gukira. Ni kenshi muri ibyo bihe byo gusenga Imana idutungura igahembura imitima y'abantu ikanabakiza imibiri. Imana ikunda kwiyereka abayishakana umwete.

# KUBAKA ITSINDA RIKOMEYE

Kuba mw'itsinda rya Alpha bishobora kuba ibintu bihemba neza kandi biruhura ku bakorerabushake. Abantu bafite inyungu zimwe bajya hamwe, bakaba bagira inshuti nshya, bagateza imbere ubumenyi bwabo, no kwiga uko bakorera hamwe. Itsinda rikomeye kandi rishobora gutanga ibihe byiza ku bashyitsi bawe ba Alpha.

**ABAYOBORA & ABAFASHA** | Ninde ukunda abantu neza, akaba yanabafasha kugira ikiganiro kisanzuye ?

**KWAKIRA ABANTU** | Tekereza abantu uzi bakunda kwakira abantu. Byamera gute ubasabye kuza kugufasha gutegura no guteka cyangwa se gushaka izindi nzira zo kwereka abantu ko bakiriwe iyo isomo rya Alpha ribera ku rubuga.

**GUTUMIRA** | Ninde wagira ibitekerezo byo kwagura aho mukorera inama kugirango birushaho kugusha neza abantu ? Ninde wafasha abaturanyi banyu gutumira inshuti zabo muri Alpha ?

**GUFASHA MU BUHANGA BW'IBYUMA** | Ninde wareba ko mufite ijwi nyaryo n'amashusho nyayo kugirango ibintu bize kugenda neza ? Ninde uzi gukoresha imiyoboro nka zoom ? Shaka abantu bakunda gufasha mu rwihisho.

**ITSINDA RYAKIRA ABANTU** | Abakira abantu hamwe n'ameza bandikiraho abantu nibyo bintu bya mbere abashyitsi bahura nabyo. Reba abantu bazi kwakira neza abantu bamwenyura kandi bakunda gusabana.

# TWAGUFASHA IKI ?

**Tuzi ko gushyiraho no gukoresha isomo rya Alpha bishobora gutera impungenge. Ntugire ubwoba; turi hano kugufasha.**

Fotora iyo shusho irimo imibare y'ibanga cyangwa ujye kuri alphacourse.africa kugirango ubone amakuru, cyangwa se utwohereze ubutumwa ku rukuta rwacu Contact page.

**Nuko mugende**
muhindura abantu bo mu
mahanga yose abigishwa,
mubabatiza mu izina rya
Data wa twese n'Umwana
n'Umwuka Wera

Matayo 28:19

**www.alphacourse.africa**